WANDA FREIGHT FORWARDERS ASSOCIATION
**P.O.BOX 4976 Kigali | Tel: (+250)788495208 |Email:info@rwaffa.com**
Rwandex-Sonatube Road (KN3 RD) | Le Prestige Building |1st Floor

Tariki 2/04/2024

# ITANGAZO

Ubuyobozi bwa RWAFFA buramenyesha abashaka kwiga amasomo ya East Africa Customs and Freight Forwarding Practicing Certificate (EACFFPC) Ku Rusmo ko kwiyandikisha ari kuva tariki ya 03/04/2024 kugeza taliki ya 19/04/2024. Abaziyandikisha ku rusumo bazajya biga muri weekend.

Amasomo ya EACFFPC amara igihe cy'umwaka (amezi 12),Abayiga bigishwa gukora imenyekanisha ry'imisoro muri gasutamo no gukurikirana imizigo yinjira mugihugu cyangwa ijya mumahanga.

## IBISABWA UWIYANDIKISHA KWIGA AMASOMO YA EACFFPC

a) Kwishyura mafaranga 15,000 Rwf yo kwiyandikisha adasubizwa.
b) Kuba yararangije kaminuza cyangwa yararangije amashuri yisumbuye kandi afite amanota amwemerera kuba yajya muri kaminuza (Bivuza kuba nibura yaratsinze amasomo 2 yingezi muyo yize "Having at least two principal passes").
c) Kuba azi icyongereza no gukoresha computer kandi atunze laptop cyangwa yayibona mugihe yiga amasomo asaba kuyikoresha.
d) Kuzuza urupapuro rusaba kwiga ruboneka k'urubuga rwa RWAFFA www.rwaffa.com .
e) ifoto ya passport.
f) Kopi y'impamyabumenyi y'amashuri uwiyandikisha yarangije kwiga iriho umukono wa noteri w'umwimerere.
g) Kopi y'irangamuntu cyangwa passport.
h) Kugeza ibyangombwa bisabwa byavuzwe haruguru mubiro bya RWAFFA k'umupaka wa Rusumo.

## AMAFARANGA Y'ISHURI

Amafaranga y'ishuri ni 700,000 Rwf yishyurwa n'abemerewe kwiga gusa babimenyeshejwe nyuma yo kwiyandikisha. Aya mafaranga yishyurwa mu byiciro ariko **mbere yo gutangira umunyeshuri wemerewe asabwa kuba yishyuye nibura 200,000 Rwf.**
Amafaranga yo kwiyandikisha n'ayishuri yishyurwa kuri konte No: 00040-00292506-84 ya RWAFFA training center muri BK.

**NB:**Nyuma yo kwiyandikisha abemerewe kwiga bazamenyeshwa itariki yo gutangira na gahunda y'amasomo.
Kubindi bisobanuro mwahamagara telephone zikurikira: 0788454654/ 0788554260/ 0788791790/ 0788895306/ 0788290607 .
.

Murakoze,

**KARAMUZI Edward**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa, RWAFFA**